# Uhereye Mu Itangiriro, Siko Byari Bimeze

Phoenix, Arizona, USA
06 Werurwe 1960

1 …ko igihe kimwe, niba bibaye ngombwa ko tugera inyuma y'urwo rusika, aho abantu batagera, maze bikaba ngombwa ko twinjira aho hantu h'icuraburindi hitwa urupfu. Kandi igihe Azagarukira maze Agahamagara, tuzava mu bapfuye, kuko tumuzi mu mbaraga z'umuzuko We. Kandi bidutera ishema ryinshi.

Kandi dushishikajwe cyane, Mwami, n'uko abandi bamenya iyi nzira. Ni yo mpamvu twateranye muri uyu mugoroba; ni ukugira ngo abandi bamenye aya mahoro atunganye, aya mahoro arenze uko umuntu yabyumva, aduha iki cyizere gikomeye.

2 Noneho, Wabonye ibiganza byazamuwe, Mwami. Kandi uri Imana izi amabanga ya buri mutima kandi Ukamenya icyifuzo. Kandi tugusabye, Dawe, ngo Wibuke buri wese wo muri bo. Kandi ibyifuzo byabo bisubizwe, Mwami.

Mwami, kiza abarwayi. Humura impumyi, ibipfamatwi bizibuke kandi ibimuga bigende. He kugira umunyantege nke uba muri twe ubwo amateraniro aza kuba ahumuje muri uyu mugoroba. Buri gatanda na buri kagare bibemo ubusa. Buri mugabo na buri mugore bafite uburwayi bw'umutima, umutima utera nabi, babone imitima yongera gutera neza, kuba mitaraga; indwara yose n'icyaha cyose bizimangane.

Tuze kuva hano uyu mugoroba, dukomeza inzira yacu nk'abavaga i Emawusi kiriya gihe, abahamya b'izuka Rye bambere, bavuga ya magambo bati: "Imitima yacu ntiyagurumaniraga imbere muri twe ubwo Yatuganiririzaga mu nzira?" Kuko tubisabye mu Izina ry'Uwaducunguye, Umwana Wawe, Umwami wacu Yesu. Amina.

3 Nasaraye buhoro… Nabwirije muri iki gitondo muri rimwe mu matorero y'ino, kwa mwene Data Fuller. Kandi twagize ibihe byiza hariya, muri iki gitondo, mu Mwami. Nahawe umugisha rwose, kandi sinzi igihe cyo guhumuza amateraniro. Kandi ndashimira Imana Ubutumwa Bwiza bwa kera butigeze butakaza imbaraga kandi bukaba budateze kuzazitakaza. Mu by'ukuri, uyu mugoroba, twawuhariye igikorwa cyo gukiza indwara, uyu mugoroba, cyangwa icyo gusengera abarwayi, ntidushaka kubyitiranya. Dushobora gusengera abarwayi, ariko umurimo wo gukiza, ni umwihariko w'Imana.

4 Mu by'ukuri, mwibuke, gukizwa indwara n'Imana, ni ibya kera. Agakiza, ni aka kera. Dutangira, ni ukugira ngo mumenye ko ari Mwuka Wera w'Imana. Imana igomba kubiguhishurira. Ntibiteze kuba iby'ukuri mbere y'uko Imana ibibahishurira. «Nta uwashobora kuza aho Ndi Data atari We ubanje kumureshya. Kandi abo Data yampaye bose baza aho Ndi.» Turi kumwe. Bityo, mbega amahirwe kuva umunyabyaha yumva rero iri kurura rito mu mutima! Mbega amahirwe ko Imana ihamagarira ikintu gihebuje ibindi gishobora kukubaho: kugira Ubugingo bw'Iteka!

Mu by'ukuri, ejo nimugoroba, ni umugoroba w'umudendezo kuri twe. Abantu bagiye guterana ibipfunsi hano, ibipfunsi by'uburyo bunyuranye. Turwanya umwanzi, Satani. Ariko abantu bazarwana, iteramakofe cyangwa ikindi kintu nk'icyo, hano ejo nimugoroba. Kandi ibyo biduha amahirwe yo kuruhuka ijoro rimwe.

5 Hanyuma tuzakomeza mu cyumweru gitaha cyose, kugeza ku cyumweru utaha nimugoroba. Niba ari ubushake bw'Uwiteka. Hanyuma tuvuye hano, tuzajya i Okhlahoma twihuse, duhereye i Tulsa, nka… tuharuhukira mu minsi nka 4, ni ko ntekereza, kandi rero duhereye i Tulsa. Hanyuma, niba ari ubushake bw'Uwiteka, tuvuye aho, tuzashobora kujya… kugena imigambi, tukiva hano, tuzaba turi mu nzira ituganisha hakurya y'amazi, niba ari ubushake bw'Uwiteka, ngo tuzenguruke Uburayi bwose. Rero, dukeneye amasengesho yanyu.

Ubufatanye bwanyu bw'agaciro muri aya materaniro bwari bwiza cyane.

Ku wa kabiri mu gitondo, sinshobora gufata umwanya w'uwo muntu, ariko ngiye kugerageza; mwene Data David duPlessis, uwo dufatanije akaba n'incuti yanjye y'amagara, umwe mu barimu b'ibirangirire b'igihe… Kandi nda-… Imana yamuhaye umurimo wihariye: guhuriza amatorero mu busabane. Nta bwo ari amatorero y'Ubutumwa Bwiza Bwuzuye gusa, ni amatorero yose y'abizera bose: abametodisite, abaperesibiteriyani, ababatisite. Kandi akenshi, iyo dushoboye…

6 Rimwe na rimwe, nakunze kuregwa kuvuga amatorero nabi. Kandi, mwibuke, iyo mbikoze, nta bwo ari cyo mba ngendereye. Icyo mba ngendereye, ni ukujanjagura icyaha baretse kigakorera mu itorero. Sintunga agatoki itorero, amadini. Nyakunda yose; mu by'ukuri, Imana ifite abana muri buri dini. Murabona? Bari mu madini yose.

Ni iyerekwa rikomeye rya mwene Data David. Kandi Uwiteka yamuhaye umugisha ngo avugire i Havard no muri za kaminuza zikomeye hano muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, n'ahandi. Kandi Imana yamuhaye kugiririrwa ubuntu mu matorero anyuranye. Avuga amahuriro y'uduhanda aka 11 n'akitiriwe Garfield, igitondo kimwe. Agomba noneho gufata indege imwerekeza Indianapolis, muri Indiana, kugira ngo abaneyo n'abametodisite; hanyuma, akagaruka mu gitondo cyo ku wa kabiri, igihe kimwe. Nkwiye kujya

mu mwanya we, cyangwa ah'ubwo kugerageza kubikora, mu gitondo cyo ku wa kabiri, ngo mvugane n'abagaragu b'Imana. Ndabikunda, gusabana n'abagaragu b'Imana, abagore babo n'abandi, mu gitondo cyo ku wa kabiri. Ntekereza ko aya materaniro azatangira saa yine n'igice hamwe n'uyu mwene Data mukundwa, uwo nagiye ndushaho gukunda, uko bukeye uko bwije, mwene Data Shilders. Bityo rero, dukwiye kuzaba duhari mu gitondo cyo ku wa kabiri.

Kandi mwene Data Borders, uko ntekereza, azasigarana na twe hano, Leo, Gene n'abasigaye mu bagize itsinda. Naho mwene Data David azagaruka mu mwanya we mu gitondo cyo ku wa gatatu kujya mu mwanya we.

7 Noneho, niringiye ko Uwiteka aza kuduha ukwizera guhamye uyu mugoroba. Niringiye ko uyu mugoroba ari wo cya kintu gikomeye twategerezanije amatsiko… icyo njye ubwanjye nategereje uhereye mu myaka 2 cyangwa 3 iheruka, kigiye kugaragara hano mu materaniro uyu mugoroba i Phoenix. Yoo, Imana mu mpuhwe Zayo iturebe! Mbega ukuntu nifuzaga kuvuga ko byatangiriye i Phoenix. Umugoroba 1, hagati mu cyumweru gitaha, niba ari ubushake bw'Imana, nzababwira icyo mbiziho, niba ari ubushake bw'Uwiteka, icyo ngomba kuba cyo… sinigeze… Mu by'ukuri, tuzategereza gusa.

Noneho, twakifuje gusoma igice cy'ibi Byanditswe uyu mugoroba, kuko ntekereza ko amateraniro ataba yuzuye hatabayeho ugusomwa kw'Ibyanditswe.

Kuba iri tsinda ry'abantu uyu mugoroba… Mbere y'uko tubikora, nzi ko bamwe… Bamwe bahagaritse insengero zabo kubera aya materaniro. Uwiteka abahe umugisha, bene Data, ku bw'ugufatanya kwanyu kw'agaciro. Imana ibane na mwe.

8 None ubu twifuzaga gusoma uyu mugoroba mu Gitabo, Ubutumwa Bwiza bwa Matayo wera. Kandi nashakaga gusoma wenda imirongo mike hano. Dusome duhereye ku… Dusome umurongo wa 8 w'igice cya 19.

Arabasubiza ati: "Mose yabemereye gusenda abagore banyu kuko imitima yanyu inangiye, ariko uhereye mbere hose ntibyari bimeze bityo."

Mu by'ukuri, ntitugiye kuvuga ku gushakana no gutandukana, ah'ubwo ngiye kwifashisha amagambo make nk'umutwe w'ikibwiriza: Mbere hose, si ko byari bimeze.

Ubwo Yesu yazaga mu isi ngo abane na muntu, n'uko Ya-… mu myaka 30 ya mbere y'ubuzima bwe yari… Ntitubibwirwaho byinshi. Ariko ubwo Yatangiraga kugaragara mu bantu, Yabonye ibintu bidasanzwe byabaga. Yasanze abigisha ba kiriya gihe barigishaga ibintu bitari byo.

9 Kandi iyo aba Yari aje none, nibaza niba tutaba dufite cya gihagararo (Ndavuga twese hamwe, ab'itorero ryo ku isi ryose), niba tuta- …niba Atavuga ibyo Yavuze kiriya gihe ati: "Mbere hose, si ko byari bimeze."

Mu by'ukuri, niba ureba neza, Yifashishije intangiriro. None, ku bw'ibyo, niba dushaka kumenya Ukuri, ibintu uko byari biri, tugomba gusubira mu ntangiriro.

Mu by'ukuri, Imana ntigira aho igarukira. Tuzi twese, ko Idashobora guhinduka. Ni ho ukwizera kwacu gutsitse. Niba hari icyo Imana ivuze, bigomba kuzahora bityo iteka ryose. Ntibiteze guhinduka.

10 Mu by'ukuri, Imana ishobora byose, ikamenya byose. Kumenya byose Kwayo ni ko kuyigira Ibera hose icyarimwe; Izi byose. Ariko Imana ntishobora kumera nk'umuyaga, kuko Imana ifite ubuturo. Imana si umugani. Imana ni Ikinyabuzima: Imana, Yesu. Yo, Imana, (Ngenga) Ni Ikinyabuzima. Ku bw'ibyo, Izi byose, Ibera hose icyarimwe, Ishobora byose kandi ntigira aho igarukira.

Mu by'ukuri, kutagira aho ugarukira, bisobanura kutagira inzitizi. Ni Uwiteka. Uwiteka, ni nk'uruziga. Ugerageza kuruzenguruka, ariko ntirugira itangiriro habe n'iherezo.

Imana imeze nka Diyama nini. Ni nka za mpano 9 za Mwuka mu itorero, zimeze nk'imirasire 9 Mwuka Wera agaragaza mu itorero. Mbega Umucyo dukwiye kugenderamo, uturuka muri ya Diyama nini, Imana!

11 Kandi Imana, mu kuba Itagira aho igarukira, Yari izi byose, mbere y'iremwa ry'isi. Yari izi buri sazi, buri mubu, incuro wagahumbije, ingano y'ibinure wajyaga kugira, mbere y'uko isi ishyirirwaho urufatiro. Ntigira aho Igarukira. Yari izi iherezo mbere y'itangiriro, ibyo rero biyiha kutagira aho Igarukira. Irazi. Bityo rero, Ibera hose icyarimwe, ku bwo kuba Izi ibiriho byose.

Mu by'ukuri, icyo Ivuga cyose, ni Ukuri by'iteka ryose. Niba Imana itumiriwe kugira icyo ikora, ngo Ifate icyemezo, icyo cyemezo, iki cyemezo kigomba kuba icy'iteka ryose. Ntishobora guhindura icyo cyemezo. Mu by'ukuri, niba Ivuze iti: "Mu by'ukuri, ni ko natekerezaga kiriya gihe, ariko noneho, Ndushijeho kumenya", mu by'ukuri, niba ari ko bimeze, rero si Imana.

Nyamara, njye, nshobora kuvuga nti: "Uyu mwaka, nizera ibi." Hanyuma, nshobora kugaruka maze

nkavuga nti: "Oya, nari nibeshye", kuko mfite aho ngarukira. Na we. Ariko Imana ntibarizwa muri ibyo, icyemezo Cyayo gitunganye by'iteka. Mu by'ukuri, niba Imana igize icyo ivuga, kandi Ikaba yaraciriye icyanzu abanyabyaha, Ikaba yarabishingiye ku kwizera, niba hari undi munyabyaha uje ku Mana, Imana igomba kumwemera nk'umukiranutsi nk'uko Yabikoreye uwa mbere.

12 Kandi niba ugukizwa indwara n'Imana bishingiye ku kwizera Amaraso yamenetse y'Umwami Yesu, kandi umuntu wa mbere waje yarakize, nka wa muntu wo ku irembo bitaga ryiza, binyuze mu kwizera Izina rya Yesu, umuntu w'ubutaha azabona bimwe ku ishingiro rimwe.

Niba Imana yaracuncumuriye Mwuka Wera ku bantu ku munsi wa Pantekote, kandi bikaba byari icyemezo Cyayo, ko itorero ryagombaga gukoreshwa n'imbaraga za Mwuka Wera, Ntishobora kubihindura ngo Ivuge iti: "Mu by'ukuri, ngiye kubiha umwepisikopi. Nshobora kubiha uyu, cyangwa ngiye kubiha uriya." Igomba gukomeza icyo cyemezo by'iteka ryose. Kandi niba ku munsi wa Pantekote, Itorero ryarabatijwe na Mwuka Wera, imyitwarire ikomoka kuri uwo mubatizo wa Mwuka Wera izaba ari imwe kuri buri muntu uzabatizwa na Mwuka Wera.

Umutima, umutima, niba utanzwe hakurikijwe… oya… urukingo Salk [rwavumbuwe muri 1954 na Jones Edouard Salk, rurwanya imbasa.-U.I.], cyangwa ikindi cyose, niba ibyo byakabaye bigirira umumaro umuntu umwe, bizagirira kandi umumaro umuntu w'ubutaha uzahabwa urwo rukingo.

Ni bimwe kuri Mwuka Wera, hamwe n'Imana. Amagambo Yayo aratunganye. Ntigira aho Igarukira. Mu by'ukuri, iyo Imana ivuze ko bigomba kumera bitya…

13 Mu by'ukuri, ku munsi wa Pantekote, Petero yaravugaga. Kandi abantu bari… bavugaga mu ndimi, barasakuzaga, kandi bavugaga mu zindi ndimi, bakamera nk'abasinze. Rero, babibajijweho, maze abandi bagashaka kumenya uburyo bashoboraga gukizwa. Hanyuma Petero ababwira ati: «Nimwihane, maze mubatizwe maze buri wese muri mwe abatizwe mu Izina rya Yesu Kirisito, ngo mubabarirwe ibyaha byanyu, na mwe muzahabwe iyi mpano ya Mwuka Wera; kuko isezerano ari iryanyu, n'abana banyu, n'abari kure bose, abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu.» Isezerano ni irya buri wese ubishaka, ni aze. Rero, murabona, Imana ntishobora kubihindura. Niba ari Ijambo ry'Imana, ritunganye by'iteka ryose.

Nyamara, tubona ko uko ibisekuru byagiye bikurikirana, abantu baje hanyuma bakagoreka iri Jambo ry'Imana ngo risimbuzwe umuhango. Mu by'ukuri, bashobora kuza bakavuga bati: «Ntidukeneye kwakira Mwuka Wera. Ikigukwiye ni uko wakwinjira mu itsinda ryacu.»

Nyamara, iyo biza kuba iby'itsinda, Mwuka ntibiba byarabaye ngombwa ko Aza.

14 Mu by'ukuri, bamwe bavuga bati: «Niba twitondera amategeko, nta kindi dukwiye gukora.» Iyo aba kwitondera amategeko ari cyo Imana yasabaga, Yesu azaba yarapfiriye ubusa. Ntibyajyaga kuba ngombwa ko Mwuka Wera aza, kuko bari bafite amategeko mbere y'Ukuza kwa Mwuka Wera. Ariko hakwiye Mwuka Wera wo kudushoboza kwitondera amategeko. Ugomba kumugira. Ijambo ry'Imana rihora ritunganye, kandi ntirihinduka, ibihe byose. Mu by'ukuri, abantu bararigoreka maze bakarihindura.

Kandi ubwo Yesu yazaga, ubwa mbere, Yasanze abantu bakora neza neza ibyo bintu, bagoreka inzira z'Imana. Kandi Yesu yababwiye ati: «Mundamiriza ubusa. Mundamiriza ubusa mu kwigisha amategeko y'abantu.» Mu by'ukuri, iby'ubusa byose, nka… Mu by'ukuri, nta cyo bivuze. Nta cyo bimaze.

Ndamutse nzengurutse agahanda ngendereye gutoragura inote y'idolari 1 hanyuma iryo dolari rikaba ari ntarihari, naba naruhiye ubusa mu kuzenguruka umuhanda. Ni ku bw'ubusa.

15 Kandi Yesu yabwiye abaramyi ba kiriya gihe ko bamuramirizaga ubusa, "bigisha amateka n'amategeko by'abantu."

Ni iki ngerageza kuvuga? Mukwiye gusubira ku Ijambo ry'Imana ngo mugaruke. Mukwiye kugaruka. Itorero ntiriteze gushobora kugera kure, igihe cyose rizaba ritarasubira ku Ijambo ngo rikomezanye n'Ijambo. Dukwiye kuza mu Ijambo. Ibyiyumvayumvo wagira byose, icyo byaba bisa na cyo cyose, uko itorero ryaba rikomeye, uko abantu baba bakomeye kose, dukwiye gusubira mu Ijambo ry'Imana. Ni Ijambo ry'iteka ry'Imana, none dukwiye kurisubiramo.

Kandi Yesu yari yarabivuze kiriya gihe, ubwo Yazaga maze Akabona abantu bashingira agakiza kabo ku rusengero. Mu by'ukuri, ni byo bikorwa n'abantu benshi ubu. Bavuga bati: "Mu by'ukuri, ndi umwe mu bagize urusengero runaka." Hanyuma bagashingira agakiza kabo kuri ibyo. Ni iki babonye? Ni iki Yesu yasanze baramya? Si Ijambo ry'Imana, ah'ubwo ni imihango, amahame. None iyo aba yari aje ubu, Yagasanze benshi muri twe muri icyo gihagararo, bakurikiza amahame.

16 Nyamara, iyo aba Yesu yari aje ubu maze ukavuga uti: "Yoo Mwami, urusengero rwanjye…" Icya mbere dukora, dusubira mu mahame y'intumwa.

Yesu yakavuze ati: "Uhereye mbere hose, si ko byari bimeze."

"Urusengero rwacu ntirwemera ugukizwa indwara n'Imana."

Yesu yakavuze ati: "Uhereye mbere hose, si ko byari bimeze." Murabona? Nimusubire mu ntangiriro gusa.

"Urusengero rwacu ntirwemera umubatizo wa Mwuka Wera."

Yesu yakavuze ati: "Uhereye mbere hose, si ko byari bimeze." Mugomba gusubira mu ntangiriro. Nimusubire mu ntangiriro. Ni yo mpamvu Yesu yavuze ati: «Mufata amategeko y'Imana maze mukayahindura ubusa hanyuma mukayasimbuza imihango yanyu.»

17 Gufata urusengero, amategeko; inyigisho za Bibiliya, kandi ibyo byose mubisenyesha ibisobanuro byanyu, hanyuma mugahindura ubusa amategeko y'Imana. Mufata Ijambo ry'Imana maze mukerekana ibyo byose nk'uburyo bw'ihame. Hanyuma, mukiyamirira muti: «Iri he Imana ya Bibiliya?» Mwarayanze binyuze mu bisobanuro byanyu. Mwayivukije abantu, iyo mubabwiye muti: "Iminsi y'ibitangaza yaratambutse. Nta Mwuka Wera ubaho. Gukizwa indwara n'Imana nta bibaho. Nta bitangaza bibaho." Iyo mukoze ibyo, muba mukuye muri Bibiliya ikidasanzwe cyose binyuze mu bisobanuro byanyu, muvana Imana mu rusengero, iyo mukora ibyo, binyuze mu mihango.

18 Mu by'ukuri, ntekereza ko, ku bwanjye, nashakaga kuramya, no kuramya hamwe n'urusengero rwizera Ubutumwa Bwiza bwuzuye, rubwiriza buri Jambo ryabwo kandi rugashyira mu bikorwa buri Jambo ryabwo. Nimusubire mu Butumwa Bwiza bwuzuye, nimusubire mu mbaraga z'Imana, nimusubire kwa Mwuka Wera. Nimusubire mu ntangiriro maze mubyakire nka bo mu ntangiriro, kandi bizatanga umusaruro umwe n'uwo mu ntangiriro, niba byonyine musubiye kubifata mu ntangiriro.

Yoo, binyibutsa iki gihe! Abenshi bahuzagurika mu gushakisha imyanya myiza cyane, za oruge (orgue) nziza nini kandi… Ibyo bintu ni byiza. Niba urusengero rufite ku gisenge cyarwo umusaraba wa zahabu wa miliyoni 1 y'amadolari y'amanyamerika, rukaba rufite oruge ya zahabu ya miliyoni y'amadolari, kandi Mwuka Wera akaba ari we uyobora urwo rusengero, Imana ishimwe, nakifuje kuba umwe mu bagize urwo rusengero. Ni ukuri. Ariko imitungo rufite nta cyo imbwiye, niba Mwuka Wera adahari, nta mwanya mpafite. Nifuzaga kuba aho babibwiriza nk'uko byamanutse mu ntangiriro. Ni bwo uko mbizi, babibonye, mu ntangiriro. Nta kindi nzi. Ijambo risubira ku ntangiriro.

19 Ni yo mpamvu ndi hano muri uyu mugoroba I Phoenix; ni yo mpamvu uru ruvunganzoka rw'abantu rwateraniye hano; ni uko tubyizera, nka bo mu ntangiriro.

Imana ntigira aho igarukira. Ntishobora guhinduka. Umuntu arahinduka; igihe kirahinduka; ingoma zirahinduka; amasi arahinduka; insengero zirahinduka; ariko Kirisito uko yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri kandi ni ko Azahora iteka ryose, kandi Ntateze kuzahinduka. Uko Yari ari mu ntangiriro, n'ubu ni ko Akiri.

Uzavuga uti: "Mu by'ukuri, urusengero rwacu rumaze imyaka n'imyaniko." Ni byiza. Ni igihamya ko ruhagaze neza. Ariko, mwene Data, niba ari nta mbaraga z'Imana bafite, niba batabwiriza Ubutumwa Bwiza bwuzuye, mbere hose, si ko byari bimeze.

Mfite umwana w'umukobwa wicaye hano, arandeba, ni Sara. Kandi mfite n'undi wasigaye i muhira, Rebecca. Rebecca amaze kuba umwangavu, agiye… kugira imyaka 14, hamwe… Sara afite nk'imyaka 18. Bombi ni abakobwa ba se. Kandi rero, iyo ngiye mu materaniro, maze ngatangira… ngataha i muhira, bakomeza kuntegereza bari maso.

Kandi hari umugani muto mfite, ikintu kimwe nifuzaga kubabwira.

20 Umugoroba umwe, natashye ntinze. Abana na nyina bari bategereje igihe kirekire cyane. Sara na Rebecca bari bantegereje bambaye imyenda yo kuryamana. Hari mbere y'ivuka rya Yozefu. Kandi bari bategereje ko ngaruka. Kandi bwari bwije. Amateraniro yahumuje atinze, kandi byabaye ngombwa ko ntwara imodoka igihe kirekire. Hanyuma, nyina w'abana arabaryamisha. Natashye hagati ya saa munani na saa cyenda z'ijoro. Naratashye, ndaryama, maze ndasinzira.

Ahagana saa kumi n'imwe cyangwa saa kumi n'ebyiri, nk'uko nari naniwe kandi ntaguwe neza nyuma y'amateraniro, amayerekwa n'ibindi, narakangutse. Nagiye mu ruganiriro, nicara mu ntebe.

Nyuma y'igihe gito, Rebecca arakanguka. Areba hirya no hino; bwari bumaze gucya. Yibwira ati: "Mu by'ukuri, data ari mu rugo noneho." Arareba, maze abona murumuna we Sara asinziriye. Abaduka ku gitanda. Yambukiranya icyumba. Akangura Sara. Sara abona ko bumaze gucya, na we araza, akurikiye Becky.

21 Sinzi iby'abana banyu, ariko impfura ihabwa imyenda, kandi umuto yambara iyambawe na mukuru we. Kandi Sara yambaraga pajeki (pajeck)… ipinjama ya Becky, kandi amaguru yayo yari akabije kuba maremare kuri we. Ni muto, ni mugufi.

Becky yashoboraga kwiruka neza, maze anyura kuri Sara. Kandi Sara, na bya biguru birebire,

yajambagiraga nk'urukwavu rwambaye ibikweto byambarwa mu rubura; mu kuza aho ndi, yituraga hasi… Rero, Becky yarirukanse, aba uwa mbere kuhagera, asimbukira ku ivi ryanjye, anzengurutsa amaboko ye yombi maze arampobera. Kandi, yoo! Muzi icyo bigukoraho! Yoo, sinari naniwe by'igice nyuma y'aho.

Hanyuma, Sara na we arahagera, nyuma yo kugwa no kubyuka incuro 2 cyangwa 3. Yahagaze ku muryango, maze areba Sara, maze avuga ati: "Sara, muvandimwe, ndashaka ko ugira icyo umenya." Maze avuga ati: "Ni njye wa mbere hano. Kandi mfite data wese, kandi wowe nta cyo usigaranye." Mu by'ukuri, ibi…

Hanyuma Sara, ahemeka ibinwa, amarira amubunga mu maso, arahindukira. Ndamureba; niringira ko ari uko Imana indeba rimwe na rimwe. Ariko yari yihebye kuko Becky yari yabaye uwa mbere kuhagera, akaba yari yicaye ku kibero cyanjye kandi akaba yari yanzengurukije amaboko. Mu by'ukuri, ntushobora gutekereza ko watunga ngo wiharire buri gace k'Imana. Mu Mana hari umwanya kuri buri wese, uwahatanga abandi wese.

22 Na ho Sara muto atangira kugendera kure. Maze mureba ntya, na we akandebera mu rubavu, utwiso twe tubungamo amarira. Ndamurembuza, mu gihe Becky na njye twari twegamiranije imitwe. Nateze irindi vi. Hanyuma araza, asimbukira ku ivi ryanjye. Kandi yari ameze nk'ab'Ubutumwa Bwiza Bwuzuye. Ntiyari afite amaguru ahagije kuba maremare ngo yirate… Hariya mu ntangiriro, n'ibindi; ah'ubwo yaradandabiranaga, hanyuma bimbera ngombwa kumufatisha amaboko yombi ngo mukomeze, kuko natinyaga ko yancika akitura hasi. Na ho Becky yari afite amaguru maremare kandi yari yemye. Kandi ntiyari akeneye uwo kumufata. Ariko Sara we yari akeneye uwo kumufata. Yarahirimaga. Nazengurukije Sara ukuboko, ndamwiyegereza cyane. Yatsikinnye incuro 4 cyangwa 5, hanyuma, arahindukira maze avuga ati: "Rebecca, mukuru wanjye, nashakaga na njye kugira icyo nkubwira." Avuga ati: "Byashoboka ko waba ufite data wese. Ariko nashakaga ko umenya ikintu 1, ni uko data amfite wese."

23 Ni uko hamwe n'Ubutumwa Bwiza, Ubutumwa Bwiza bwa kera. Nshobora kuba ndafite tewolojiya yose. Ariko hari ikintu 1 nzi, ndashaka ko Kirisito angira wese, Anyiteho. Uko nakwitwara nabi kose, uko nasimbuka, nakwiruka, nasakuza, nacira inkonda, nta ho bihuriye. Igihe cyose Azaba ari We ungenzura, bizace aho byagaciye, byaba bikomeye cyangwa ikindi cyose. "Icyo ndi cyo cyose, Mwami, ndindira mu maboko Yawe. Ni cyo… nta kindi mparanira."

None, barabaza… aho bangiye byose, bavuga bati: "Ibyo bihe byose byararangiye. Mu by'ukuri, abaganga bacu, mu bihe byatambutse, bari baratubwiye ko ibyo bintu byarangiranye n'igihe cy'intumwa, n'abandi"; rero, babaza bati: "Imana iri he? Iyo Mana ikomeye iri he? Bari he abagize insengero zacu ubu?" Bishora mu bukomunisite n'ibindi nk'ibyo. Itorero rya mbere ibyo nta byo ryari rifite.

24 Bari bafite ubundi buryo. Mu by'ukuri, hari icyo bari bafite kera cyabashobozaga guhora biteguye gupfira ibyo bintu n'ayo mahame Kirisito yari yaremeye, kuko Kirisito yari mu mutima. Yoo! Ni cyo dukeneye… uhereye mbere hose.

Bintera gutekereza kuri Bibiliya. Navuze inkuru nasomye kuri Yesu agifite imyaka 12. Yari yarajyanywe mu munsi mukuru wa pantekote, hamwe na nyina na se wamureze. Hanyuma bajya mu munsi wa Pantekote kuramya. Kandi, yoo! Bari batwawe hamwe n'incuti zabo n'abandi; bamaze kuramya, baratashye, bakora urugendo rw'iminsi 3 batari kumwe na We, batekerezaga ko Yari ari ahantu hamwe muri bene wabo.

25 Ndibaza niba tutarakoze urugendo ruto, dutekereza gusa tuti: «Amerewe neza cyane.» Yego. Ndibaza niba atari cyo iki gihugu cyakoze. «Yoo, turi igihugu cy'ikinyedini! Imana iri kumwe na twe. Kandi ni cyo kidutandukanya n'andi mahanga. Yaradufashije mu ntambara, rero nta cyo bihindura», bibwira ko Yari ari kumwe na bene wabo. Nyuma, baje kumuhangayikira. Bagiye kumushakira muri bene wabo, ariko nta We babonye.

Kandi ni byo biriho none. Dusubira ku bagize idini ryacu. Ni iki dukora? Gusubira mu idini rimwe rikomeye.

Mu by'ukuri, bimeze bite iby'Imana y'imbaraga zamanutse ku munsi wa Pantekote?»

«Yoo, byari iby'ikindi gihe. Ntibyari ibyo.» Kwa gukizwa indwara n'Imana gukomeye kuri he?

26 Amadini yatangiye kwikunkumura, abantu ba none. Mwene Data duPlessis ashobora kubabwira bimwe, abayobozi bakomeye b'amadini akomeye batangiye kugenzura, kubarura buri kintu. Kandi abantu bo mu baluteriyani n'abaperesibiteriyani bashakisha ikintu nyakuri cyamanutse ku munsi wa Pantekote. Ni ukuri. Nta Cyo bazasanga mu madini yabo n'ahandi. Ah'ubwo bishyira hamwe kandi bakabaza bati: «Ni he twamusize? Nta We uri muri bene wacu. Nta We uri mu ncuti zacu.»

Ni he bari baramusize? Ni he Yesu yari yarasigaye? Mu munsi mukuru wa Pantekote.

Neza neza ni ho idini ryamusize. Bamusize kuri Pantekote. Uburyo rukumbi kuri bo bwo kwakira

Ubutumwa bw'ukuri, ni ugusubira kuri Pantekote aho bari baramusize. Gusubira hariya aho Mwuka Wera yari yamanutse nk'umuyaga uhuha cyane maze Akamanukira Itorero. Imitima yabo yaragurumanaga kandi igurumanishwa n'imbaraga z'Imana. Baragiye, bakiza abarwayi, birukana imyuka mibi, barahanura, bavuga mu ndimi kandi bakora ibimenyetso n'ibitangaza. Mwene Data na we mushiki wanjye, uburyo rukumbi dufite bwo gushobora kubona Imana mu itorero, ni ugusubira aho twayisize, ku ntangiriro.

27 N'ubwo Maritini Luteri n'abandi bagorozi bakomeye benshi b'igihe cyabo, n'ubwo bari beza, abandi bantu b'abanyedini bakomeye, ntitwashobora gusubira ku bintu byabo kugira ngo tubone icyo. Tugomba gusubira ku ntangiriro, gusubira kuri Pantekote. Ni ho twamusize. Ni bwo abayobozi bakomeye bo mu baluteriyani, mu baperesibiteriyani n'abandi basubira mu madini yabo, ariko ntibashobora kumubona. Hanyuma basubira ku Butumwa Bwiza bwuzuye, bafite inzara n'inyota by'Imana. Haleluya! «Abo Data yampaye bose bazaza aho Ndi», baba abametodosite, ababatisite, abaperesibiteriyani, cyangwa abaluteriyani. Imana ifite abana mu idini gatolika. Hari abana mu idini orutodogisi rya kiyuda. Ifite abana mu idini ry'ababatisite, mu idini ry'abaperesibiteriyani, mu idini ry'abaluteriyani. Ni ukuri. Kandi batangiye gusonza kuko bamenye ko Imana idahari.

Imihango yacu, amahame y'amadini yacu ntibiteze kunyura umutima wahamagawe n'Imana. Ntiwashobora kumusubirishamo umuvugo w'amahame y'intumwa, kumuminjira utuzi ku ruhanga ngo uramubatije, cyangwa ikintu nk'icyo, ngo bibe byamunyura. Kuva aho ubugingo bwe bugiriye Imana inzara, azasubira kuri Pantekote, ku ntangiriro, kandi azabona Mwuka Wera nyakuri uzagurumanisha umutima we. Amina.

28 Ni cyo dukeneye: gusubira ku ntangiriro. Yesu yavuze ati: «Uhereye mbere hose, si ko byari bimeze.»

Yesu yongeye kuvuga ati: «Icyo gihe…» Yavuze ati: «Ni Njye Muzabibu; na mwe mukaba amashami. Ni Njye Muzabibu.» Noneho, tega amatwi, ncuti, wowe uhinga amacunga, mwebwe muhinga imizabibu, mwebwe mweza inzabibu cyangwa icyo mwaba muhinga cyose. Niba umuzabibu umeze, maze ishami rya 1 riwushibutseho rikera inzabibu, ishami rya 2 rizera inzabibu, irya 3 rizera inzabibu kandi buri shami rizashibuka kuri uwo muzabibu rizera inzabibu, ni ukuri, kuko ari umuzabibu.

Kandi niba itorero rya 1 ryashibutse kuri uwo Muzabibu ryari itorero rya pantekote, kandi Igitabo cy'Ibyakozwe kikaba cyaranditswe nyuma yaryo, Itorero rya 2 rizashibuka rizakora bimwe; Itorero rya 3 na ryo. Kandi buri Torero rizashibuka kuri uwo Muzabibu rizaba ari Itorero rya Pantekote, rifite bya bimenyetso na bya bitangaza bimwe n'ibyo Umuzabibu wa 1 wari weze… cyangwa ah'ubwo ishami rya 1 ryari ryeze. Bizaba bimeze nko ku munsi wa Pantekote. Buri Torero rizashibuka kuri uwo Muzabibu rizaba ari Itorero rya Pantekote.

29 Mu by'ukuri, bigaragara nk'ibidasanzwe. Ariko murabizi, hari ibindi bintu byinshi bigendana n'umuzabibu, utera inzabibu, cyangwa ah'ubwo udashibuka amashami.

Mu by'ukuri, hari ishami rya kiyuda rya Pantekote ryashibutse kuri icyo giti, cyangwa - cyangwa kuri uwo Muzabibu, ku munsi wa Pantekote. None ubu tugeze ku iherezo ry'inzira. Ishami ry'abanyamahanga rishibuka kuri icyo giti rizagira umwitozo wa Pantekote. Yoo Mana, nifuzaga gushobora gucengeza ibyo mu mitima. Nifuzaga kugira ikintu 1 cyangwa ikindi nashobora kwereka abantu, ko ishami rya mbere ryashibutse kuri uwo Muzabibu ryeze ibyabaye ku munsi wa Pantekote. Ishami rya 2 rizera ibyabaye ku munsi wa Pantekote. Yoo, turi kumwe! Dusubire ku ntangiriro, dusubire aho twahagurukiye.

Ni yo mpamvu none, hamwe n'imihango n'ibindi, twanze ibidasanzwe byose, ko Mwuka Wera yari yaraje, ko Yari yaramanukiye abantu. Batangira kuvuga mu ndimi, abantu barabaseka, babita abera basaze, maze barabanga. Bakomeza gukura, gukura.

30 None ubu ibyo byageze ku ki? Ku bintu biruta ibi. Amateraniro Imana ikirizamo indwara yaratangiye. Hanyuma, Marayika w'Uwiteka araza, agaragaza impano za Mwuka, yongera guhishura wa Mwuka umwe wari mu Itorero mu ntangiriro, wari uzi amabanga y'imitima, washoboraga kuyahishura, kikaba ikimenyetso cya Mesiya. Ni cyo Bibiliya ivuga. Bibiliya irabivuga. Kandi niba ari ikimenyetso cya Mesiya mu ntangiriro, ni ikimenyetso cya Mesiya ku iherezo. Yoo, niba mushobora kubona ibyo… "Ufite ugutwi yumve, ufite ijisho abone."

Niba ari uko byari biri mu ntangiriro, ko Yesu Kirisito Ubwe yimenyekanishije ku gisekuru cya nyuma cy'Abayuda n'Abasamariya binyuze mu kimenyetso cya Mesiya, icyo kimenyetso kizaba ku iherezo ry'igisekuru cy'Abanyamahanga, kuko ari irindi shami ryashibutse kuri wa Muzabibu umwe.

31 Mu by'ukuri, niba ubuzima bw'umuzabibu bwera inzabibu, ishami rya kabiri rizera inzabibu. Mu by'ukuri, ushobora kugira icyo wabanguriraho. Ushobora gufata ishami ukuye ahandi, maze ukaritera aho waciye ibango mu giti. Ntiriteze kuzera ubuzima bw'umuzabibu. Ni ukuri. Oya, oya. Ubuzima bw'umuzabibu, ni inzabibu. Uzera inzabibu. Amashami azawushibukaho yose, azawushibukaho yose azera inzabibu.

Umuntu ashobora kuwubanguriraho byose. Ni cyo kibazo none. Twabanguriyeho inyigisho nyinshi zashyizweho na muntu. Dufitemo imitanga n'ibindi. Ariko ubwo Umuzabibu ubwawo uzashibuka ishami,

rizaba ari ishami rya Pantekote ryuzuye Mwuka Wera, rikora bya bimenyetso bimwe na bya bitangaza bimwe n'ibyo bakoze mu ntangiriro.

Uvuga uti: “Mu by'ukuri, idini ryanjye ntiryemera ibyo.” Mu ntangiriro, si ko byari bimeze. «Idini ryanjye ntiryemera urusaku.» Mu ntangiriro, si ko byari bimeze. «Idini ryanjye ntiryemera kuvuga mu ndimi.» Mu ntangiriro, si ko byari bimeze. «Idini ryanjye ntiryemera ukwibizwa mu mazi.» Mu ntangiriro, si ko byari bimeze. Izo nyigisho zikomeye z'urufatiro Bibiliya yigisha, ni zo zari zihari mu ntangiriro. Kandi buri shami ryashibutse kuri uwo Muzabibu rigomba kuba rya rindi ubu, niba ishami rishibutse ku Muzabibu, icyashibutse ku Muzabibu. Mufite amashami y'amakorano yakozwe na muntu.

32 Murabibona hano ubu. Babangurira igiti, batema ishami ry'igiti maze bakaritera mu kindi. Iryo si iryo icyo giti cyashibutse. Kiriha gusa ibikibeshaho, ariko si urubuto rw'umwimerere rwa cya giti. Ariko ubwo cya giti kizashibuka ishami, rizaba rihwanye n'irya mbere cyari cyarashibutse.

Kandi ubwo Itorero rizabyara irindi Torero, Rizaba ari Itorero rya Pantekote n'ibimenyetso by'ibyakozwe n'intumwa, rikora bimwe hamwe na Yesu, akora kwa kundi, kuko Adateze guhinduka. Ishami rya Pantekote, ryuzuye Mwuka Wera, hamwe n'ibimenyetso n'ibitangaza by'izuka, imirimo ikomeye isohorera hagati muri bo: Abazamenya Imana yabo mu bihe bya nyuma bazakora iby'ubutwari. Yego, turi mu bihe bya nyuma.

33 Ni ibiki biriho bibera mu isi? Nshobora guhumuza mvuga nti: Isi ifite kibazo ki? Binyibutsa ibyabereye hano mu mezi make ashize… mu mujyi wa Louisville, muri Kentucky, hakurya y'uruzi ahateganye n'aho ntuye. Hari umugore wari ufite umwana muto, yoo, umwana muto! Yari afite imyaka nka 3 cyangwa 4. Kandi yamutemberezaga mu iduka ry'ubuconco. Yagendaga aho, agaterura ikintu maze akamubwira ati: «Reba iki, mukundwa.» Kandi wa mwana yarebaga ahantu hamwe.

Hanyuma, afata ikindi kintu, maze avuga ati: «Reba iki, mukundwa», na ho wa mwana muto agakomeza kwirebera ahantu hamwe. Abantu… Ararakara. Abantu batangira kumureba, abari mu iduka kandi bakitegereza ibyo bintu, mu gihe yavaga ku mucuruzi ajya ku undi, afata igicuruzwa maze akavuga ati: «Reba, mukundwa. Mbese wa muhungu muto wa nyina abona iki?» Yigumiraga aho, adahumbya.

Maze nyuma y'agahe gato, afata akayogera. Yafataga udukinisho twagombaga gukurura akana k'agahungu ka kiriya kigero, hanyuma akatuzunguza. Hanyuma, afata akayogera, maze arakazunguza. Umwana ntiyabyitaho. Nyina avuga ati: “Ntiwumva ibi, mukundwa? Reba hano kwa mama. Mukundwa, reba. Urabona ibi?” Wa mwana ntagahumbye.

Hanyuma, agwa kuri kontwari, avuga ati: “Yoo, oya, oya, oya; ntibishoboka!”

34 Abantu bamwe barahuruye ngo barebe ikibazo uwo mugore yari afite. Hanyuma, baza kumenya ko wa mwana yari avuye kwa muganga, ko hari icyari cyaramubayeho, kandi ko ari nta na 1 mu byashoboraga kurangaza umwana w'umuhungu wo mu kigero cye cyamurangazazaga. Yari yiyicariye aho gusa, adahumya.

Yari afite uburwayi bwo mu mutwe, ntiyari yitaye ku bintu bamwerekaga, ibyo umwana w'umuhungu wo mu kigero cye yakagombye kureba. Hanyuma avuga ati: “Muganga yavuze ko amaze koroherwa, ariko si iby'ukuri.”

Icyo ni cyo kibazo, ni uko bimereye itorero none. Imana yafashe itorero mu maboko Yayo, yajunguje Oral Roberts, Tommy Osborn, Tommy Hicks n'abandi benshi, Yajunguje impano n'ibitangaza mu maso y'abantu. Kandi abavuga ko ari abizera bakomeza kwiyicarira hariya, badahumbya, bakora nk'abatagira icyo bitayeho.

35 Itorero rirwaye mu mutwe. Hari ikitagenda. Imana igaragaza impano Zayo. Abantu bazaza maze bavuge bati: “Yoo, ni ibyo bigira. Yoo, bihangishaho ngo baravuga mu ndimi; ni ikinamico!” Babona abantu bavuza akaruru kandi bahimbaza Imana n'amarira abatemba ku matama bakavuga bati: “Murambonera, ni ibyiyumvayumvo gusa. Ni ikinamico.”

Murabona, itorero ryakagombye kwitondera ibyo, umukirisito, kuko byanditswe mu Ijambo. Ni cyo bari barakoze mu ntangiriro. Hari ikitagenda ku itorero, hari ikitagenda ku bantu, hari ikitagenda ku gihugu.

36 Tugomba gusubira ku ntangiriro, gusubira aho twataye Yesu. Nimusubire aho itorero ryamutaye. Itorero ryamutaye ku munsi mukuru wa Pantekote, nk'uko nyina n'abandi babigenje, nka Mariya, nka Yozefu; bari abantu b'intwari, ariko bari bataye Yesu kuri Pantekote. Abantu ba none ni abantu beza, abizera, ariko basiga Yesu kuri Pantekote. Barabitinya. Ntibashaka kubitunga. Baterwa isoni no kubitekerezaho. Ariko Imana iri hano, uko biri kose; umugisha wa Pantekote uri hano. Uko bagerageza kubyanga kose, Imana ikomeje guha Mwuka Wera abizera Ibyo, Ikora ibimenyetso n'ibitangaza Byayo. Rero, ku munsi w'Urubanza, nta cyo Izabazwa. Ah'ubwo tuzabazwa kuba tutaritondeye Icyo Yatweretse binyuze mu Ijambo Ryayo no muri Mwuka Wayo. Ni ukuri.

37 Imana iri hano ubu. Nta mpamvu n'imwe itera aba barwayi biyongera mu kurambarara hano. Nta mpamvu itera abantu kuguma bicaye mu tugare, baryamye mu ngobyi, kandi ari ibiragi n'ibindi. Imana iri hano. Imana iri hano. Imbaraga za Mwuka Wera ziri hano. Wa Yesu umwe wakoze ibitangaza mu ntangiriro ari hano. Ariko muzavuga muti: «Mu by'ukuri, kuki abantu bakomeza kuryama, barwaye?»

No mu gihe cye, hari benshi babaga baryamye, barwaye. Yanyuze ku kidendezi cya Betesida. Abantu benshi cyane bari baharambaraye. Benshi… abantu wenda ibihumbi bibiri cyangwa bitatu, bari baharambaraye: ibicumba, impumyi, ibirema, ab'ingingo ziteye… Yazengurutse iteraniro kugeza ubwo yabonye umugabo wari uryamye mu ngobyi. Kandi Yari azi ko yari amaze imyaka myinshi muri ibyo bibazo. Hanyuma avuga ati: "Mugabo, waba ushaka gukira?"

Asubiza ati: "Nabuze umuntu wo kunaga mu mazi."

Yesu avuga ati: "Fata ingobyi yawe maze utahe."

Yesu yabajijwe, bidashidikanywaho, impamvu atakijije abandi. Asubiza ati: "Ni ukuri, ni ukuri, Ndabibabwiye, Umwana nta cyo ashobora gukora ku Bwe, ah'ubwo Akora icyo Abonanye Se."

Hari abarwayi benshi ubwo uriya mugore yacengeraga mu ruvunganzoka rw'abantu maze agakora ku mwenda We; hashobora kuba hari amagana y'abarwayi, hariya. Ah'ubwo yamukozeho mu buryo bwateye Imana kuza aho hantu, Igira icyo Ikora, ku bwe.

38 Yari Imana mu ntangiriro; ni Imana none. Ntishobora guhinduka. Ni ya Mana imwe. Ikiriza mu kwizera. Ni byo Yavuze mu ntangiriro; ni rwo rugero Yatanze, si mu gakiza kawe, si mu bugwaneza bwawe, si mu mafaranga yawe, si mu kuba umwe mu bagize urusengero runaka, ah'ubwo ni mu kwizera kwawe. Ni ibyo. Niba ushobora kubyizera, Izimenyekanisha Ubwayo ko Iri hano. Izimenyekanisha Ubwayo ko Ari nzima. Izimenyekanisha Ubwayo ko Ari ya Mana ya Pantekote. Izimenyekanisha Ubwayo mu Itorero Ryayo, ko Ari Yo wa Yesu Kirisito udateze guhinduka. Ariko Ntateze kuzagukoraho mbere y'uko ubanza kumukoraho ubwawe. Ni ukuri. Izigaragaza, ariko ni wowe ugomba kubanza kumukoraho. Amina. Murabyizera? Dusenge.

39 Dawe uri mu Ijuru, amagambo yanjye ashobora kuba nk'umuringa uvuga cyangwa icyuma kirangira, ariko Ijambo Ryawe rimwe gusa, Mwami, rizahindura byose. Bamenye muri uyu mugoroba, Mwami, ko aya magambo adafatanye ari Ukuri. Ngusabye kuyafatanya mu buryo bumwe no kuyacengeza mu mitima y'abantu. Kandi bamenye ko Ukiri Yesu muri uyu mugoroba, Umwana w'Imana ukomeye wagenze mu mihanda y'i Galilaya kandi Utarigeze urobanura abantu ku butoni. Ah'ubwo uwabaga afite ukwizera ko kumukoraho, uwabaga afite ukwizera wese yarakiraga.

40 Uruvunganzoka rw'abantu banyuze hariya ntibigeze bakira, kuko batabyizeraga. Ariko bariya… Ubwo Wageraga mu karere k'i Wanyu, nta bitangaza byinshi Wahakoreye kubera ukutizera kwabo. Ni kimwe uyu mugoroba. Ni uko uyu mugoroba. Ni uko mu ntangiriro; ni uko uyu mugoroba.

Ah'ubwo Wagendeye hagati mu bantu, Waberetse ko Uri Mesiya. Ubwo Wabwiraga Petero uwo yari we, izina rye, yahise amenya ko Wari Umwana w'Imana. Ubwo Wabwiraga Filipo, Natanayeli, no muri Bibiliya yose, umugore w'umusamariyakazi n'abandi benshi…

Kandi Bibiliya itubwira ko Ijambo ry'Imana, ari ryo Yesu… "Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yari kumwe n'Imana, kandi Jambo akaba Imana. Hanyuma Jambo yambara umubiri wa kimuntu aturana na twe. Ijambo, Yesu, rityaye kurusha inkota y'amugi 2, rihinguranya kugeza ubwo ritandukanya igufwa n'umusokoro, kandi rikagenzura ibyo umutima wibwira ukanagambirira. Yesu Kirisito uko Yari ari ejo, n'uyu munsi ni ko Akiri kandi ni ko Azahora iteka ryose."

41 Yoo Mana yo mu Ijuru, turabona ibicucu by'umugoroba biza n'igihe kigera ku iherezo. Kandi Utwitayeho cyane, Mwami. Abantu babone muri uyu mugoroba ko Utwitayeho, Wuzuye urukundo, impuhwe n'imbabazi. Kandi noneho, aba bantu bahawe umugisha mu kwakira Mwuka Wera, abahawe umugisha mu kumva umuhamagaro w'Imana mu buzima bwabo, ndakwinginze, Dawe, ngo Ubahe ukwizera ko gucengera maze bagakora ku myambaro Ye, We, Umutambyi Mukuru wicaye iburyo bw'Imana mu Ijuru, witeguye gukorwaho, Aduhereza… ikitari umwambaro We gusa, ah'ubwo ikiganza Cye ngo afate buri muntu urohamye muri uyu mugoroba, ubuze ibyiringiro, Amugirire impuhwe kandi Amukirize umubiri. Bidukorere, Dawe. Nsenze mu Izina rya Yesu. Amina.

42 Isaha yanjye nta bwo yavuze. Nari nayishyizemo gahunda yo kuvuga mu minota 20, none narengejeho gato… nk'iminota 25. Ariko sinashakaga kubatindana.

Ariko mwizera ko ubu Butumwa ari Ukuri? Murabyizera? Nimusubire ku ntangiriro. Nimusubire ku ntangiriro. Niba hari uvuze ati:

"Sinizera gukizwa indwara n'Imana",

uzavuga uti: "Uhereye mbere hose, si ko byari bimeze."

"Sinemera umubatizo wa Mwuka Wera."

Uhereye kera kose, si ko byari bimeze.

"Sinemera gukizwa indwara n'Imana."

Uhereye kera kose, si ko byari bimeze.

43 Mu by'ukuri, mu ntangiriro, bemeraga umubatizo wa Mwuka Wera, bemeraga kuvuga mu ndimi. Bemeraga impano za Mwuka zose. Pawulo yabandikiye mu Rwandiko yandikiye Abakorinto, maze ashyira gahunda mu Itorero. Ni uko byari bimeze mu ntangiriro. Bwari ubushake bw'Imana mu ntangiriro. Ni Imana itagira aho igarukira; Ntishobora guhinduka. Niba bwari bwo bushake Bwayo mu ntangiriro, ni na bwo bushake Bwayo muri uyu mugoroba. Igihabanye n'icyo cyose, ni abajura n'abantu bacurika amategeko y'Imana.

Rero, turibaza tuti: "Iryo torero rya Mwuka ubu riri he? Iryo torero ryari ryubitse isi mu ntangiriro, riri he?" Ni iki cyabaye?

44 Vuba aha, numvise umubwirizabutumwa w'ikirangirire avuga ati: "Ninjiye mu murwa maze mpakorera amateraniro y'ububyutse. Kandi twari twavuze ko twari twahabonye abakijijwe 30,000 mu byumweru 6." Avuga ati: "Nasubiyeyo nyuma y'umwaka, ntitwashobora kubona abakijijwe 30 muri abo 30,000." Avuga ati: "Habaye iki? Ni ukubera ababwirizabutumwa b'abanebwe, muguma mwiyicariye, murambije ku biro, maze mukabura gusura abantu." Yoo, mbega ngo arabanyeganyeza!

Nibwiye nti: "Muvandimwe, ahanini, ni ukuri. Ariko hari icyo nifuzaga kukwibariza. Wavuze ko Pawulo yinjiraga mu murwa maze akabona umuntu 1 uhindutse, yagaruka umwaka ukurikiyeho, akabona 30 bakomoka kuri wa wundi 1 rukumbi wahindutse. Ni iki Pawulo yakoraga? Yamuyoboraga ku Isoko, atari ukumukora mu ntoke no kumwandika mu gitabo cy'abagize urusengero, atari ukwatura gusa asezeranya kuzakora neza, ah'ubwo akaguma aho kugeza igihe azapfira maze ubuzima bwe bugahishwa mu Mana binyuze muri Kirisito hanyuma bugashyirwaho ikimenyetso na Mwuka Wera." Umuriro w'Imana uzagurumana muri uwo mutima kugeza ubwo uzakora… ubwo uza-… ?…

45 Niba hari uwakiriye Kirisito ashingiye kuri urwo rufatiro muri uyu mugoroba hanyuma nkazagaruka nyuma y'umwaka, nzagira abuzukuru, abuzukuruza, ubuvivi, ubuvivure, ubuvivuza n'ubuvivigiri bihereye aho. Ni ukuri. Ni ukuri. Umwe azana undi, undi; umwe, undi; umwe, undi; umwe, undi bityo. Ariko icyo mukwiye kubanza gukora, ni ukwegerana bihagije.

Isi muri uyu mugoroba irashaka kubeshwaho n'igishushanyo cy'umuriro. Bashaka kubeshwaho, bashaka kota igishushanyo cy'umuriro. Ntuzashobora gukora ibyo. Ushushanya umuriro, maze ukavuga uti: "Yoo, muvandimwe, ngaho niwote." Icyo gishushanyo ntikizagususurutsa.

Ukwiye kugira umuriro muzima none, atari ugusubirayo ngo uvuge ko bigeze kugira itorero rikomeye, n'itorero rikomeye kera. Dukeneye itorero rikomeye none, kuko Izahora ari Imana idahangarwa ishakisha ubwoko bukomeye buzayikorera n'umutima wabo wose, bakibagirwa imihango yabo n'ibindi kugira ngo bakorere Imana.

46 Niba uri umumetodisite, komeza kuba umumetodisite, ariko wakire Mwuka Wera. Nk'uko mwene Data David duPlessis abivuga ati: "Imana ntigira abuzukuru." Nta bo Igira. Imana igira abahungu n'abakobwa gusa. "Nta buzukuru." Iri mu kuri. Yego, yego.

Niba uri umumetodisite, n'umwana w'Imana, rero amina. Niba uri umumetodisite, umwe mu bagize urusengero, uri umwuzukuru kandi Imana ntikuzi.

Niba uri umupantekote, umwe mu bagize urusengero, kuko so yari umupantekote, uri umupantekote, uri umwuzukuru nta bwo uri umwana. Ariko niba warabyawe na Mwuka w'Imana…

Imana nta buzukuru igira. Uri mu kuri, Mwene Data duPlessis. Ntukagire abuzukuru… Muri abahungu n'abakobwa b'Imana, ni bitaba ibyo ntimubarirwa mu muryango. Imana ntibazi.

47 Si uko so hari icyo yari ari cyo; ni icyo uri cyo. Umuntu wese agomba kuvuka bundi bushya, kandi iyo kamere y'ibyaha igapfa muri we maze Umuntu mushya akavuka muri we, ari we Yesu Kirisito, Umwana w'Imana. Rero, ukiyegurira byuzuye Kirisito, hanyuma Kirisito akinjira kandi Akandika Igitabo cy'Ibyakozwe agukoresheje. Namenye nte ko ari ukuri, ncuti yanjye? Namenye nte ko ari ukuri?

Navuze nti: «Iyo aba washoboraga byonyine kwiyegurira Imana!» Ni iki uriya mugore wakoze ku mwambaro We yakoze? Yamenye uburyo bwo kumwiyegurira. Yamukozeho amwiyeguriye.

48 Bimeze bite iby'amayerekwa yo ku gicaniro no mu gihugu, hose? Ni ikibazo cyo kwiyegurira Mwuka Wera, ukava mu nzira, ibitekerezo byawe bwite, hanyuma ukayoborwa gusa na Mwuka Wera. Ni ukuri.

Ndamukunda, ndamukunda

Kuko ari We wabanje kunkunda (Byaba ari byo ukora?)

Hanyuma Akandonkera agakiza

I Kaluvari ku giti.

Ni abakirisito bangahe bavutse bundi bushya bashaka kuzamura ibiganza hamwe na njye, bakayiririmbana na njye noneho?

Ndamukunda, ndamukunda

Kuko ari We wabanje kunkunda,

Hanyuma Akandonkera agakiza

I Kaluvari ku giti.

[Mwene Data Branham atangira gushugunda Ndamukunda.-U.I.] Yoo, icyo Mwuka yashobora gukora noneho! [Mwene Data Branham akomeza gushugunda Ndamukunda.-U.I.]

Ndamukunda, nda-…

Kuko ari We wabanje kunkunda,

Hanyuma Akandonkera agakiza

I Kaluvari ku giti.

49 Mushiki wanjye mu ngobyi, waba ufite ikarita y'abasengerwa? Nta yo ufite? Waba wizera ko ibyo wumvise muri uyu mugoroba ari Ukuri? Waba warigeze kumva ibirebana n'aya materaniro mbere? Waba wizera ko, uko uri uko, washobora gukora ku ncunda z'umwambaro We, We, Umutambyi Mukuru, ko Aza kumenya, nk'uko Yabikoreye wa mugore ku iriba, icyo indwara zawe ziri cyo maze Akakubwira…? Mu gihe tutaziranye, kandi ndaza kukubwira indwara yawe, waba utekereza ko washobora kunezezwa n'amateraniro hanyuma ugakira? Waba ubitekereza? Nta bwo nkuzi. Sinigeze nkubona. Sinkuzi, ariko We arakuzi.

Noneho, ngubu uburwayi bwawe. Ndeba. Ni ibyo. Wizera ko ndi umuhanuzi Wayo, umugaragu Wayo? Urizera. Byakire, byizere. Umva icyo nshaka kuvuga. Yambwiye ubwo… "Ni utera abantu kukwizera…" Nk'uko Petero na Yohana bavuze bati: "Uturebe."

Nta cyo nzi ku kitagenda muri wowe, ariko We arabizi, kandi We ashobora kubimpishurira; ndamubona azenguruka hariya. Kandi watangiye kurira, gusenga. Mu by'ukuri, ndaganira na we. Mu by'ukuri, ntituziranye. Ndakuruta cyane; ni bwo bwa mbere twabonana, ariko ni ho turi.

Hari umurunga hagati y'uyu muntu nawe. Ni nyoko. Byaba ari ukuri? Ni ukuri.

50 Waba ubitekerezaho iki, madamu? Nabwiwe n'iki ko ari umukobwa wawe na we ukaba nyina? Ni Imana yabihishuye. Urakoze, mushiki wanjye. Rekera aho guhangayikishwa n'iyo kanseri y'igifu. Urabona icyo Mwuka Wera ashobora gukora?

Na we, mudamu ukiri muto, uburwayi bwawe, ni ukwivumbura k'umubiri kuguca intege, kandi rimwe na rimwe ntubasha kugenda. Byibagirwe. Baduka muri iyo ngobyi maze wishakire intebe ahantu hamwe, jya mu iteraniro…?…

Ndamukunda, ndamukunda,

Kuko ari We wabanje kunkunda,

Hanyuma Akandonkera agakiza

I Kaluvari ku giti.

51 Imana ishimwe! Noneho, mu iteraniro hagire u-… Ni bangahe barwaye mu iteraniro? Tegereza gato, mushiki wanjye. Akanya gato, madamu. Haba hari urwaye mu iteraniro? Zamura ikiganza? Iyo mba nari ngize uwo mbona urwaye, ukeneye gukizwa n'Uwiteka. Nkeneye intebe ebyiri, akanya gato.

Mwami, ndakwinginze, bibahe kugira ngo abantu bamenye ko Uri Imana kandi ko ubu butumwa ari ubw'ukuri.

Urwaye kumurika… waba wizeye ko Imana igiye kugukiza, wowe wicaye hariya? Yego. Waba unyizera? Nta bwo unzi, si byo, musore? Yego, yego. Ntunzi. Urwaye kumurika.

Ndetse, n'uwo mugabo ukwicaye iruhande muhuje ikibazo (Ni ukuri), kuri uru ruhande. Ni byiza cyane.

Urwaye kumurika. So ameze ate? Noneho atangiye kubona, si byo? Yakiriye hano ku gicaniro ejo nimugoroba; ni umubwirizabutumwa. Sinigeze nkubona mu buzima bwanjye. Niba ari kuri, byerekanishe ikiganza. Noneho, umaze gukira ukumurika kwawe. Wowe n'uwo mugabo, nimuhaguruke maze musigire imyanya abo bagore. Nimujye hariya inyuma, kandi mugume muhagaze kuko Imana yabakijije. Mujye kwicara ku ntebe inyuma. Amina.

Ndamukunda (ni byo), ndamukunda.

Ni byiza cyane, mushobora kwicara ku ntebe zanyu hariya.

Kuko ari We wabanje kunkunda,

Hanyuma Akandonkera agakiza

I Kaluvari ku giti.

52 Ugira ibyiyumvayumvo bidasanzwe, si byo, mushiki wanjye? Uko kwivumbura k'umubiri ntikucyongeye kukubuza amahoro ukundi. Ushobora kwitahira noneho, wakize. Yesu Kirisito aragukiza. Urabona uburyo Ari Mwiza? Izere.

Uriya mugore ushaje, wicaye hariya, uriho arira. Urabona, uriya Mucyo uri hejuru ye. Ubwo burwayi bwa boronshite bukuvuyeho, mushiki wanjye. Na we ushobora kwitahira, wakize. Yesu Kirisito aragukijije.

Ubutumwa nabwirije uyu mugoroba, ko Atajya ahinduka… Nimusubire ku ntangiriro, mushobora gukora ku mwambaro We. Aracyari wa Mutambyi Mukuru uyu mugoroba nk'uko yahoze kiriya gihe, ushobora gukorwaho…

Yaba yanatanze amakarita y'abasengerwa, hariya inyuma…?… Yavuze ko yatanze andi?…?… Tugire izo dufatamo noneho, abafite amakarita y'abasengerwa. Dukeneye bake gusa. Dutangire kugira ngo tubasengere, iyo aba gusa twari tunyujije vuba cyane umurongo muto hano.

Turebe. Ni he twahereye? Twahereye kuri 1 tugeza kuri 50 ejo nimugoroba, si byo? Dufate uwa nyuma… [Ahatagira ijwi kuri bande-U.I.] Ni ukuri. Yavuze ko yajyaga kuba hano. “Aho 2 cyangwa 3 bazateranira mu Izina Ryanjye, Nzaba Ndi kumwe na bo.”

53 None, Yaba Akiri uko Yari ari ejo, ari na ko Azahora iteka ryose? Wizera ko Akiri wa wundi, umwe muri kamere, umwe mu mbaraga? Ikinyuranyo rukumbi uyu mugoroba, ni uko Yifashisha umubiri wawe n'uwanjye. Mu by'ukuri, umubiri We uri mu Bwiza, iburyo bw'Ingoma y'Imana, bw'Ubwami bw'Imana. “Unesha azicarana na Njye ku Ngoma ya Njye, nk'uko na Njye Nanesheje maze Nkicara ku Ngoma ya Data.” Yoo, mbega ibintu bihebuje!

Yesu Kirisito, Umwana w'Imana, wicaye mu Ijuru, na buriya bugingo burimbuka bwose buri munsi y'igicaniro, bwubura amaso maze bukabona uwo mubiri wicaye hariya, uwo mubiri ufatika. Yoo, ndatwawe! Uwo mubiri ufatika…

Wabonye ko hariya, mu Egiputa, bari bafite umubiri ufatika, Yozefu, wari urugero rwa Yesu muri byose. Uwo mubiri ufatika wari hariya. Kandi buri Mwisirayeli, wakubiswe ikiboko mu mugongo akanambikwa ubusa n'Abanyegiputa, yarazaga, akanaga akajisho muri icyo kiriba maze akabona kiriya gituro. Hari haruhukiye umubiri wa Yozefu. Kandi bari bazi ko igihe kimwe, bajyaga kuzavayo, ko bajyaga kuvayo. Ubwo bakuraga uwo mubiri muri kiriya gituro kandi bakawujyana, basohokanye na wo.

54 Ni kimwe no mu Ijuru. Ubwo bugingo bwo munsi y'igicaniro burataka buti: “Uzageza ryari, Mwami? Uzageza ryari?” Bumeze nka ya mibiri idapfa. Ah'ubwo noneho, bureba uwo mubiri ufatika w'Umwana w'Imana wicaye hariya: “Igihe kimwe, Azahaguruka kuri iriya Ngoma.” Ni ho uri. Abari muri Kirisito, Imana izabazanana na We igihe cy'izuka. Bazafata… Icyapfaga kizambikwa kudapfa. Rero, tuzamera nka We. Tuzamubona uko Ari, tuzasangira na We Ifunguro ry'Ubukwe, kandi tuzabana n'Uwiteka iteka ryose. Murumva bidahebuje?

Yohereje Mwuka We Wera ngo Yinjire mu mibiri yacu Yeresheje Amaraso Ye bwite… Mwaba mwizera ukwezwa? “Mube abera, kuko Ndi Uwera.” Nyamara, ntushobora kuba uwera. Sinishingikirije ku kwera kwanjye. Nta ko mfite. Ah'ubwo nishingikirije ku kwera Kwe. Ni ukwera Kwe ndeba. Si icyo… mu by'ukuri, si icyo nari cyo, ah'ubwo icyo Ari cyo. Ni ibyo. Nimusubire ku ntangiriro. Ni ho Yesu Kirisito akiri uko yari ari ejo…

55 Bashyire bose mu murongo. Ni byiza cyane. Noneho, Uwiteka aduhe imigisha Ye. Yoo, la la! Bigaragara nka byiza cyane. Muriteguye? Tube duhagarariye kuri aba bantu bake akanya gato.

Hari ubwo twaba tuziranye jye na we, madamu? Nta ho tuziranye.

Ndumva nuzuye Mwuka Wera cyane muri uyu mugoroba. Ndumva nsendereye, ni ko navuga. Ni ukuri… Yoo, nifuzaga ko bikomeza bitya. Ntibikamveho. Murizera. Ni umugoroba byose bishobokamo.

Mu by'ukuri, iyo aba byanshobokeraga kubakiza maze simbikore, naba ndi umuntu uteye ubwoba. Ah'ubwo sinshobora kubakiza. Ah'ubwo niba Yesu Kirisito, Umwana w'Imana, Yarabakijije… Niba murwaye, simbizi. Ariko niba Yarabakijije hanyuma Akaza hano guhamya ko Ahagaze hano, Akorera mu mubiri wanjye, mu mubiri wawe kugira ngo wizere ko Yohereje Ubutumwa Bwe, ko Ari hano kugira ngo Ahamirize ubu Butumwa kandi ko Azagira icyo Akora hano nk'uko Yabikoreye wa mugore ku iriba, byaba biri bugutere kumwizera? Haba hatari bube igicucu cyo gushidikanya? Niba Izi icyo wabaye cyo, ni uko Izi bidashidikanywa icyo uzaba cyo.

56 Noneho, uyu mugore na njye, ntiturigera tubonana mu buzima, ni ko ntekereza. Ni bwo bwa mbere mubona. Kandi avuga ko tutaziranye twembi; ni ko na njye mvuga. Ni ukuri, si byo? Ntawe uzi undi. Ni byiza cyane.

Nyamara, nimusubire ku ntangiriro. Ni iki cyari ku ntangiriro? Ni gute Yari yamenyesheje abantu ko Yari Yesu Kirisito, Mesiya? Yahishuye amabanga y'imitima yabo. Ni aho bahereye bizera. Byaba ari ukuri?

Wa mugore wo ku iriba yavuze ati: "Nimuze… Tuzi ko igihe Mesiya azazira, Azatubwira ibyo bintu." Ikimenyetso cya Mesiya! Yavuze ati: "Ariko Wowe, uri nde? Uri Mesiya?"

Avuga ati: "Ndi We."

Ajya mu murwa yirukanka, avuga ati: "Nimuze mundebere Umuntu wambwiye ibyanjye byose. Ntiyaba ari Mesiya ubwe?"

Hanyuma barizera. Bagize ububyutse nyuma y'ibyo, ubwo Filipo yahamanukaga; mu by'ukuri, bari abizera.

57 Niba Uwiteka ampishuriye icyo urwaye, uri bwizere ko ndi umugaragu We? Ko mfi… Impano gusa yo kugira ngo… Niba mu-… Mu by'ukuri, sinshobora gukora ibyo niba mutanyizera. Ni yo mpamvu mbabajije ibibazo. Ah'ubwo ibyo biri bubafashe kandi binafashe iteraniro. Si byo, teraniro?

Noneho, reba hano. Dore Bibiliya. Dore wa mugore. Dore ikiganza cyanjye; uko mbizi, sindigera mubona. Ntawe nzi. Na we ni uko. Nta bwo tuziranye na we. Nta bwo anzi. Simuzi, habe n'izina. Ariko azi… sinzi izina rye, nta kubishidikanyaho. Ariko nzi gusa ko ari umugore uhagaze hariya. Ashobora kumenya ko ari njye mwene Data Branham, abikesha kuba yaraje mu materaniro.

Noneho, twicishije bugufi cyane… Mu by'ukuri, Yesu yaba akiri uwo Yahoze uhereye mu ntangiriro? Mu by'ukuri, Bibiliya ivuga ko ari ko Akiri. Byaba ari ukuri? Noneho, Yaba ari ko Akiri? Ni cyo gikurikiyeho. Noneho, niba ari ko Akiri, Azongera akore uko Yakoze.

Urwaye impyiko. Nta bwo ntangajwe no kuba utamenye. Uturutse kure, kure y'ino. Nturi uwo muri Arizona. Nturi uwo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Uturutse muri Kanada. Madamu…?… Ushobora gusubira muri Kanada, wakize. Yesu Kirisito… Ikindi, nabonye undi muntu ahinguka muri icyo gihugu uturutsemo, incuti irwaye muri Kanada, iyo usengera. Uzasanga yarakize, niwizera.

Yesu Kirisito yaba uko yari Ari ejo, n'uyu munsi ari ko Akiri, kandi Akaba ari ko Azahora iteka ryose? Himbaza Izina Rye Ryera.

58 Twembi ntawe uziranye n'undi. Imana ni Yo ituzi twembi. Sinkuzi. Kandi ushobora na we kuba unzi ku izina gusa. Ariko nta gushidikanya ko Kirisito akuzi. Waba wizera ko Ashobora kumpishurira uburwayi bwawe? Ibyo byaba bizagufasha kwizera? Ibyo ntibizagukiza. Ariko bizagufasha kwizera. Ni byiza cyane.

Mu by'ukuri, kuko uzi ko ari nta cyo nkuziho, niba rero Imana ibihishuye, byakagombye kuba bikomotse mu isoko y'umwuka hano nyine kuri iki gicaniro.

Mubitekerezeho, torero. Nta gushidikanya, ntimuri buhagarike impuruza. Ashwi. Nizeye ko ako kayogera kazavugira mu mitima yanyu, Mwuka Wera rero, maze Azavuge ati: "Nimuhumure, ni Njye." Murabona? Murabona?

59 Warabazwe: umwingo. Ntiwabazwe neza. Kubagwa ko kwari kwagenze neza, ariko byakugizeho ingaruka. Ni ukuri. Kandi ubwo bubage bwakugizeho ingaruka zigaragarira mu gifu. Usigaranye imyivumbagatanyo yo mu gifu.

Kandi urwaye ukuboko. Ni ukuri. Kugira ngo umenye ko ndi umuhanuzi Wayo, umugaragu Wayo… Kuba umuhanuzi Wayo, ntibirenze kuba umubwirizabutumwa Wayo cyangwa umwigisha Wayo. Nta soni Anteye.

Waba wizeye ko umugabo wawe ari bukire na we? Waba wizeye ko Imana ishobora kumpishurira icyo arwaye hariya mu iteraniro? Arwaye kwivumbura k'umubiri. Ni ukuri. Genda, maze ufate ako kantu ufite mu ntoke, ugashyire mu mufuka we, ni bwo uko kwivumbura k'umubiri kutazaba kucyongera kumubuza amahoro ukundi niba byonyine wizera. Itahire, hanyuma ukire, kuko Yesu Kirisito agukijije.

60 Mu by'ukuri, niba mvuze ko uburwayi bw'umutima bwakuvuyeho ubwo wari wicaye hariya, niba

byonyine ubyizeye. Waba ubyizeye? Ni byiza cyane, komeza gusa ujya mbere maze uvuge uti: "Urakoze Mwami Yesu, urakoze."

Twembi ntawe uziranye n'undi. Nta bwo nkuzi. Imana ni Yo ikuzi. Waba wizeye ko Imana ishobora kumpishurira uburwayi bwawe? Ibyo byaba byagutera kwizera? Noneho, murabona ko bintera umunaniro. Ariko nifuzaga kubavugisha noneho.

Ikintu kimwe… Hari uwakiriye rero mu rusengero. Ugukira indwara gukomeye hari aho kwabereye. Ushobora kuba ari nta byo uzi ubu nyine, ariko uzabibona. Wabyumvise. Urabona? Yego. Wabonye Umucyo. Mu by'ukuri, ni bwo byakuvagaho hanyuma biragaruka.

Yabonye Umucyo ubwo Wagendaga hanyuma Ukagaruka. Ni ukuri. Uri hagati yacu none aha. Murabona? Mwaba murabibona? Ni byiza cyane.

61 Ni ho uri. Urarwaye. Wahuye na… Yego, waranabazwe hanyuma biteza ikibazo mu nyama. Ni hagati… ni ahagana ku mpyiko n'uruhago. Kandi abaganga barashaka kongera kukubaga. Ni ukuri. Wizera ko uzakira. Waba wizera ko Imana izi uwo uri we? Muka Gray, ushobora kwitahira, wakize. Yesu Kirisito aragukijije. Izere Imana.

Twembi ntawe uziranye n'undi, muvandimwe, ntekereza ko ari bwo bwa mbere duhura. Ariko Imana ituzi twembi. Waba wizera ko Ari ya Mana, ubwo Simoni Petero yazaga imbere Yayo, yamumenye maze Ikamubwira byose? Waba wizera ko Ari wa Yesu umwe?

Yego, urwaye igisebe. Ni ukuri. Uretse ibyo, hari uwo usengera. Ni umwana, umukobwa wawe. Afite agaturugunyu ku kananwa. Nta bwo uri uw'ino. Hari ikidasanzwe iwanyu. Ndabona incuti yanjye, bwana Norman, wa… uturutse i Tucson. Ni ukuri. Bwana Jogman, ushobora kwitahira maze ugakira. Yesu Kirisito aragukijije.

Uriya musore afitanye isano n'incuti yanjye yari iri hano, bwana Norman, ahantu hamwe mu cyumba, ahantu hamwe.

62 Waba wizera Yesu Kirisito? None nakubwira ko Yagukirije hariya nyine, wakwizera ibyo mvuze? Ikomereze inzira yawe, kandi ukire. Yesu Kirisito yagukijije.

Igifu… Genda urye. Yesu aragukijije. Gira ukwizera. Haleluya! Waba wizera ko uburwayi bwawe bw'umugongo n'ibindi bigiye kukuvaho none aha, ugataha kandi ugakira? Genda, unezerewe, uvuga uti: "Urakoze, Yesu."

Waba umukunda n'umutima wawe wose? Niba umukunda…

None nakubwira ko wakize ukizamuka hano, wabyizera? Ikomereze gusa urugendo rwawe maze uvuge rero uti: "Urakoze."

Uriga cyane. Ni cyo cyateye ibyo bisebe byo mu ihuriro ry'igifu n'urura. Noneho, jya kwifatira ifunguro rya nimugoroba. Yesu Kirisito aragukijije. Ni byiza cyane.

63 Ukunda kurakazwa n'ubusa, ni byo byateye umutima wawe kudihagura. Genda, kira noneho. Genda, izere Umwami Yesu.

Mu by'ukuri, noneho, niba wizera n'umutima wawe wose, ubwo burwayi bw'umugongo burakuvaho. Bidatinze, ntuzaba ugihaguruka utyo. Uzaba umerewe neza. Genda, izere n'umutima wawe wose. Gira ukwizera.

Kurakazwa n'ubusa, uburwayi bwa kigore n'ubw'umutima. Waba wizera ko Imana ishobora kugukiza? Ikomereze urugendo maze uvuge uti: "Urakoze." Ni byiza cyane.

Waba wizera? None nakubwira ko wakize ubwo wari uhagaze hariya, wabyizera? Igendere kandi ubyizere. Kira. Waba wizera n'umutima wawe wose?

64 Ibyawe ni ibiki, madamu? None nakubwira ko ugiye gukira, wabyizera mbaye mbikubwiye? Waba ushaka ko nkubwira ikitagenda iwawe? Byagufasha mbaye nkubwiye ikitagenda iwawe? Ni byiza cyane. Wari urwaye ibicurane bitewe no kwivumbura k'umubiri. Wari ufite ikibyimba; wakagombye kubagwa kubera byo. Nta bwo uri uw'ino. Uvuka muri iyi Ntara, ariko ukomoka i Flagstaff. Uhafite umwana w'umuhungu. Ntakijijwe kandi ararwaye. Ni ukuri. Izina ryawe ni Muka Earl. Itahire kandi kira, mu Izina rya Yesu Kirisito.

Waba wizera n'umutima wawe wose? Ni bangahe hano…

65 Duhaguruke. Yoo, la la! Ni iki Yakora kirenze icyo? Waba umukunda? Muzamurire ibiganza. Nzamuhimbaza. Musubize icyubahiro…?… uburwayi bwakize.

Ndamukunda, ndamukunda

Kuko ari We wabanje kunkunda,

Hanyuma Akandonkera agakiza

I Kaluvari ku giti.

Nifuzaga kukubwira, ncuti yanjye; niba iki gice cy'Ijambo ry'Imana ari ukuri, n'igice Cyaryo gisigaye ni ukuri. Abizera bari hano ni bangahe? Abari hano bashaka Mwuka Wera ni bangahe? Zamura ikiganza. Ni bangahe bashaka gukira kw'imibiri? Nimuzamure ibiganza. Ni byiza cyane. Ngiye kubasomera Ibyanditswe Byayo.

66 Simbaruta. Ni njye muto kuri mwe. Abenshi muri mwe bari bafite Mwuka Wera mbere y'uko mvuka. Nimutege amatwi. Yesu yabivuze n'akanwa Ke bwite. Nimusubire mu ntangiriro. «Ngibi ibitangaza bizagendana n'abizera. Bazarambika ibiganza ku barwayi maze abarwayi bakire.» Barambikanyeho ibiganza ngo bakire Mwuka Wera.

Noneho, gira uwo uhindukirira maze umurambikeho ibiganza. Dusengere hamwe maze wizere ko Imana igiye gusakaza umubatizo wa Mwuka Wera, ko Igiye gukiza abarwayi n'abababaye bose, ko Igiye kubyikuriramo icyubahiro. Ni ibyo. Nimwibohore. Satani yaratsinzwe.

MESSAGE hub online

www.messagehub.info

Ibibwiriza bya

William Marrion Branham

"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7